



**CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA**

**Secrétariat Général**

**B.P. 357 Kigali / Rwanda**

**Tél. : (+250) 252 575 439**

E-mail : [eglisecatholiquerwanda@gmail.com](mailto:eglisecatholiquerwanda@gmail.com)

## **ITANGAZO RISOZA INAMA ISANZWE Y'ABEPISKUPI GATOLIKA BO MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI KUWA 15-18 GICURASI 2018**

Kuva tariki ya 15 Gicurasi kugeza ku ya 18, i Kigali ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda hateraniye Inama yabo isanzwe y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2018, iyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filippo RUKAMBA, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'iyi Nama.

Ijambo ry'ibanze ryabanjirijwe n'isengesho hanyuma Myr Filippo Rukamba yishimira kwakira intumwa ya Papa mu Rwanda yitabiriye iyo nama anishimira ko Diyosezi ya Cyangugu yahawe umuyobozi uyitaho Nyiricyubahiro Myr Célestin HAKIZIMANA igihe igitegereje Umwepiskopi wayo bwite. Mu ijamba rye kandi yagejeje ku bari aho ibyari bikubiye ku murongo w'ibyigwa.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anderzej JÓZWOWICZ, intumwa ya Papa mu Rwanda yagejeje ku Bepiskopi ubutumwa bwo gushima umurimo bakora no kubashyigikira kugira ngo Kiliziya Gatolika yaguke kandi ikomere. Intumwa ya Papa mu Rwanda yasoje ijamba ryayo ibamenyesha ko Nyiricyubahiro Myr Salvatore Pennacchio wabaye intumwa ya Papa mu Rwanda igihe kirekire azaza kudusura kandi agasura bimwe mu bikorwa bya Papa nk'Umurwa w'i Nazareti (*Cité de Nazareth*) uri i Mbare ho muri Diyosezi ya Kabgayi.

Ku munsu wa kabiri w'inama, mbere yo kugena ababunganira mu mirimo itandukanye, Abepiskopi babanje kumva aho itegurwa ry'igenamigambi nkenurabushyoye ry'imyaka itanu itaha (2019-2023) rigeze banaryunguranaho ibitekerezo kugira ngo ribe koko indorerwamo y'ubutumwa bw'uru rwego Abepiskopi bose bahuriramo. Ndetse ku gicamunsi, baganiriye ku cyerekezo cy'ubwunganizi mu buhinzi MISSIO ya Leta zunze ubumwe z'Amerika ishaka guha amatsinda anyuranye ya Kiliziza binyuze muri OPM (Urugaga rwa Papa mu iyogezabutumwa) yo mu Rwanda. Ubu bufatanye bushingiye ku mishinga y'ubuhinzi igurizwa amafaranga; Abepiskopi bihaye igihe cyo kubisuzuma neza mbere yo kwemeza amasezerano abitangiza.

Ku munsu wa gatatu w'inama, Abepiskopi bagejejweho aho gahunda y'igenamigambi (*Plan stratégique*) y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda igeze. Bifuje ko byakwihutishwa hakaboneka inyandiko inonosoye ikubiyemo serivisi zose. Basabye Nyiricyubahiro Myr Selestini HAKIZIMANA kubitegura ku buryo bunonosoye. Banasabye kandi ko abagize komisiyo yo gukurikirana umushinga wo kuvugurura Seminari nkuru ya Rutongo bashyira imbaraga mu bukangurambaga kuko ari igikorwa gisaba uruhare rwa buri wese baba abapadiri cyangwa abalayiki.

Mu biganiro bagiranye n'itsinda ryo mu Kigo cy'igihugu gishinzwe igororamuco ryari riyobowe na Nyakubahwa Aimé BOSENIBAMWE, Abepiskopi baganiriye ku buryo bwo gufasha abana b'inzererezi n'abandi babuze ababitaho cyane cyane babafasha kwakirwa mu miryango y'aho bakomoka


no mu miryango y'abakristu ku mpfubyi buri buri. N'ubwo hakoze byinshi, icyo kibazo kiracyahangayikishije igihugu, Kiliziya n'ababyeyi.


Bashyikiranye kandi na Minisitiri w'Uburezi Nyakubahwa Dr. Eugène MUTIMURA n'abandi bayobozi bo muri iyo ministeri. Ministeri yabasangije uko basanze amashuri basuye yifashe mu rwego rwo gushimangira ihame ry'uburezi. Baganiriye ku bibazo binyuranye bijyanye n'ubufatanye mu burezi hagati ya Kiliziya na Leta.

Ku munsu wa nyuma w'inama yabo, Abepiskopi baganiriye n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere, Nyakubahwa Professeur SHYAKA Anastase ku kibazo cy'ishyirwa mu ngiro ry'amabwiriza yagendeweho mu ifungwa rya za kiliziya n'insengero. Intego yo "guca akajagari mu nyubako zikoreshwa nk'insengero z'amadini n'amatorero" ntako isa. Gusa, kuba icyemezo nk'ikingiki gikora ku bantu benshi gitungurana, biravunana cyane. Impande zombi zashimangiye ubufatanye zisanganywe zigamije servisi nziza kuri buri wese no gukosora ahagaragaye amakosa.

Abepiskopi bashoje inama batanga ubutumwa butegurira abakristu gatolika kwakirana icyubahiro *Ibisigazwa bitagatifu* bya Tereza w'Umwana Yezu mu Rwanda aho bizaba biri kuwa 15 Kamena kugeza ku wa 30 Nyakanga 2018. Muri icyo gihe bizakirwa muri Diyosezi zose. Bemeje ko ubwo butumwa buzasomwa hose mu Rwanda ku cyumweru tariki ya 27 Gicurasi 2018.

Inama yarangiye ku wa 18 Gicurasi i saa saba (13h00).

**Padiri Martin NIZIGIYIMANA**   
Umunyambanga Mukuru  
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda

+   
\* **Filipo RUKAMBA**  
Umwepiskopi wa Butare  
Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda

